# Mu byo ntinya mwazagwamo nyuma yanjye ni ukuzafungurirwa imitako y'isi n'ubutunzi bwayo

Hadith yaturutse kwa Abu Said Al Khud'riy (Imana imwishimire) yavuze ko: Umunsi umwe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yicaye Min'bari natwe tuyicara iruhande maze iravuga iti: Mu byo ntinya mwazagwamo nyuma yanjye ni ukuzafungurirwa imitako y'isi n'ubutunzi bwayo" nuko umugabo umwe aravuga ati: Yewe Ntumwa y'Imana! Ese icyiza kizatera ikibi? Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iraceceka, maze baramubaza bati: Bite byawe? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) urayivugishije ntiyakuvugisha? Nuko tubona imeze nkaho iri guhishurirwa ubutumwa? Nuko tubona iri kwihanagura ibyuya, irangije irabaza iti: Uwari ubajije ari he? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari imeze nkaho yabimushimiye nuko iramubwira iti: Icyiza ntikijya gitera ikibi, kandi ubwatsi bumera mu rugaryi bushobora kwica inyamaswa cyangwa se zikarwara, usibye izirisha zamara kwijuta zikerekera ku zuba zikuza ndetse zikanaganga zikaba zitegereje zikabanza kuza; n'uyu mutungo ni nk'ubwatsi butoshye kandi buryoshye; arahirwa nyirawo w'umuyisilamu uzawuhamo umukene, imfubyi, n'uri ku rugendo cyangwa se nk'uko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), bisobanuye ngo uwukoresheje mu buryo budakwiye aba ameze nk'uwariye ntahage, kandi uwo mutungo ku munsi w'imperuka ukazamushinja.

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) umunsi umwe yicaye Min'bari iri kuganiriza abasangirangendo bayo igira iti: Byinshi mu byo mbatinyira nyuma yanjye nuko muzafungurirwa imigisha y'iby'isi n'imitako yayo n'ibyiza byayo, n'andi moko y'ibyiza bishimisha nko mu myambaro, ibihingwa n'ibindi abantu biratana ko ari byiza nyamara bidahoraho. Nuko umugabo umwe aravuga ati: Imitungo yo mu isi ni ingabire za Allah, ese yazahinduka ikaba ibigeragezo n'ibihano? Nuko abantu bagaya uwari ubajije ikibazo, ubwo bari babonye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) icecetse, bacyeka ko yayirakaje. Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibabwira ko yari iri guhishurirwa ubutumwa, nuko itangira kwihanagura icyuya mu ruhanga rwayo, maze iravuga iti: Uwari umbajije ari he? Nuko aravuga ati: Ninjye. Maze isingiza Allah nuko iravuga iti: Icyiza kizana ibyiza, ariko iyi mitako ntabwo igihe cyose ari ko bihora kubera ko hari ubwo biteza ibigeragezo no kubirushanwaho, no kurangazwa nabyo bigatuma umuntu atarangamira ubuzima bwo ku munsi w'imperuka nkuko bikwiye. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije ibitangira ingero iravuga iti: Ibyatsi byo mu rugaryi biba bishishe kandi bitoshye bikarangaza inyamaswa n'amatungo abirisha, nyamara bikaba byayakuriramo gupfa kubera kurisha cyane no kugwa ivutu, cyangwa se zikarwara, usibye

izirisha zikuzuza amabondo zarangiza zikerekera izuba zigata amase cyangwa amaganga, hanyuma zikuza zikongera zikabimira, zigasubira kurisha. N'iyi mitungo y'isi imeze nk'ibi byatsi bitoshye, irica cyangwa se igatera uburwayi kubera ubwinshi bwayo, cyeretse iyo umuntu afashemo micye acyeneye mu nzira zemewe, yo ntacyo itwaye. Arahirwa nyir'imitungo w'umuyisilamu uyihaho abakene, imfubyi n'abari ku rugendo, ndetse n'uyikoresha uko bikwiye Allah ayimuheramo imigisha. N'uyikoresheje mu buryo budakwiye urugero rwe ni nk'urya ariko ntahage, kandi no ku munsi w'imperuka umutungo ukazamushinja.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/4180

النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY

لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC
E-Da'wah Committee